

Inshamake

**Isuzuma rya IKI ryo kureba aho ibikorwa bigeze mu mushinga wo kwita ku rusobe
rw'ibinyabuzima biba mu biyaga n'imihindagurikire y'ibihe
Inimero y'umushinga: 22_IV_109_Global_A_Living Lakes**

08 Ukwakira 2025

Abagishwanama :
Dr. Ulrike Hotopp
Dr. Tillmann Konrad
Dr. Jerome Montemayor

FAKT GmbH
Hackländerstraße 33
70184 Stuttgart Germany
uhotopp@liveeconomicsltd.com

Rwiyemezamirimo:
Zukunft - Umwelt -
Gesellschaft (ZUG) gGmbH

Incamake

Amavu n'amavuko y'umushinga

Umushinga wa **Living Lakes Biodiversity and Climate Project (LLBCP)** (22_IV_109_Global_A_Living Lakes) uharanira uburyo imicungire y'ibishanga ishingiyeye kuri miterere kamere, uburyo bukamatanije bwo kubungabunga ibishanga no guhangana n'imihindagurikire y'ibihe muri Afurica, Amerika y'Amajepfo na Aziya. Ukubiyemo gahunda yo kuzahura no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima n'iyi guteza imbere imibereho myiza irambye kandi ukazashyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batatu b'ingenzi mu rwego rwo gufasha abagenerwabikorwa bawo guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe. Amatsinda yashyizwe mu isesengurwa ry'uyu mushinga ni inzego zizawushyira mu bikorwa ari zo bagenerwabikorwa ba gahunda zo guhabwa ubumenyi no kubakirwa ubushobozi; abacunga ibiyaga, barimo abacunga ibiyaga bakiri bato ndetse n'inzego z'ubuyobozi bwa Leta. Abazagirwaho ingaruka n'umushinga ni abaturage ari na bo bagenerwabikorwa bagerwaho ku ndunduro (abarobyi, abahinzi & aborozi, abacuruzi bato bato harimo abagore).

Ihame ry'impinduka ry'uyu mushinga rikurikiza kuzana impinduka mu buryo bwuzuye aho izo mpinduka zigenda zikora ku nzego no ku nkingi zose. Rihuza ibikorwa byo ku rwego rw'abaturage – binyuze kubaka ubushobozi bw'abaturage ndetse no gushyira mu bikorwa ibikorwa by'ibanze byihutirwa– bikubiyemo ibikorwa byo ku rwego rw'igihugu **no ku rwego mpuzamahanga**, harimo kunoza za politiki ndetse n'isangirwa ry'ubumenyi ku rwego mpuzamahanga.

Umusaruro w'ingenzi umushinga wa LLBCP ugamije kugeraho ni: “uko ibikorwa n'ingamba bigera ku ntego z'imicungire irambye y'ibishanga bigenda bikorwa, bikandikwa kandi bigahuzwa n'izindi gahunda zikorwa n'abaturage ndetse n'imiryango n'inzego zinyurane mu bihugu icumi umushinga uzakoreramo ndetse no hanze yabyo.”

Umuhuzabikorwa w'umushinga wa LLBCP ni umuryango wa Global Nature Fund (GNF, mu Budage) kandi uzashyirwa mu bikorwa n'imiryango ibili (2) ifatanyije, Umuryango Lake Constance Foundation (LCF, mu Budage) n'umuryango Fundación Global Nature (FGN, muri Esipanye) ndetse n'imiryango 11 yo mu bihugu icumi hirya no hino muri Afurika, Aziya na Amerika y'Amajepfo. Umushinga watangiye gushyirwa mu bikorwa ku mugaragaro ku wa 15 Kanama 2022 kandi uzamara igihe cy'imyaka itanu.

Ibyerekeye isuzumabikorwa

Intangiriro: Ikigo FAKT cyahawe inshingano na Zukunft – Umwelt – Gesellschaft gGmbH (ZUG) yo gukora isuzumamikorere ryo hagati (MTE)mu mushinga, ryakozwe hagati y'ukwezi kwa Mutarama n'ukwa Nzeri 2025.

Ikigamijwe: icy'ingenzi iryo suzumamikorere ryari rigamije ni ukwimakaza kunguka ubumenyi, gushimangira ukubazwa inshingano no kunoza ifatwa ry'ibyemezo mu bafatanyabikorwa. Ibyarivuyemo bituma hashobora kugira ibihindurwa hakiri igihe cyo kunoza imikorere. Ku nzego zishyira mu bikorwa umushinga, isuzumamikorere ritanga amahirwe yo gutekereza ku ngamba z'umushinga n'ibikorwa byawo naho kuri za Minisiteri ziwureberera ndetse na ZUG, bagenzura niba umushinga ukiri mu nzira nziza. Bo bakoresha ibyavutye mu isuzuma nk'uburyo bwo gucunga neza ubumenyi, kubaka za gahunda ndetse no ikurikirana ry'imiyoborere.

Imiterere y'isuzuma: Iyipimo ngenderwaho bishingiyeye ku itegurwa ry'ubufatanye mu bukungu n'iterambere (OECD) Komite ishinzwe iterambere ry'iterambere (DAC) (Ibyingenzi, Igenamigambi, Imiyoborere n'ubufatanye, Ingaruka n'impinduka zihinduka no Kuramba). Ikindi kandi, umushinga wita ku byerekeye kubungabunga imibereho y'abaturage n'iy'ibidukikije ndetse n'amahame ya IKI

n'ibibazo bibiri birebana no kunguka ubumenyi ("Ese uyu mushinga uharanira uburinganire bw'ibitsina byombi mu bikorwa b'amicungire myiza y'ibishanga?" kandi nanone "Uyu mushinga uharanira guha umwanya urubwiruko mu bikorwa by'amicungire y'ibishanga?").

Gahunda y'isuzumamikorere ikorwa ku mushinga wose wa LLBCP. Gusa mu rwego rwo gushimangira isuzumwa ry'ibishoboka n'isesengura rifite imirongo ntakuka, ZUG, GNF na Minisiteri y'Ubudage ibifite mu nshingano bemeranyijwe mbere y'igihe ko isuzumamikorere ryakwibanda ku bikorwa byo mu bihugu bya Kambodiya, Filipine n'u Rwanda, rikibanda no ku bice by'umushinga usanga bibera hose (mu bihugu byose).

Isuzumamikorere rikurikiza uburyo bugendera ku mahame, uburyo bukomatanyije rigahuriza hamwe gusuzuma ibintu mu bwiza no mu bwinshi. Hifashishijwe ibihari isesengura rigaragaza uruhare rwa buri kintu ryagaragaye ko ari bwo buryo bwiza cyane kuruta ubundi bwo mu gutanga umusaruro byizewe kandi mwinshi, hibandwa ku ihame ry'impinduka ry'umushinga, ari ryo ishingiro rikuru ry'isesengura. Hakoreshejwe kandi amahame yubakiye ku bitekerezo by'amakuru asuzuma ubwiza hagamijwe gushakisha ngo harebwe ibintu bigenda bigaruka n'ibitekerezo abafatanyabikorwa batandukanye bagenda bagarukaho. Uburyo bwo kwegeranya amakuru bwari burimo isesengura ry'inyandiko, ukwegeranya ibitekerezo hakoreshejwe murandasi ku matsinda yose agize inzego zishyira mu bikorwa umushinga n'amatsinda atandukanye y'abagenerwabikorwa ndetse n'ibiganiro nyunguranabitekerezo, ibiganiro mbaza, ibiganiro mu matsinda y'abatoranyijwe byaba ibyakozwe mu buryo by'iyakure cyangwa ibyakozwe imbonankubone aho abaganirizwaga basangwaga aho bari (Kambodiya, Filipine, u Rwanda) n'abandi bafatanyabikorwa benshi ku nzego zose. Aya makuru yujijwe n'ukwitegereza k'umusuzumamikorere mu gihe cyo gusura ibikorwa aho bikorerwa.

Ibyavuye mu isuzumamikorere

Kuba ibikorwa bigendana n'ibikenewe: Umushinga LLBCP ugaragaza ko wakoze ibikenewe ku rwego rwo hejuru mu gukemura ibibazo byo ku rwego rw'isi ndetse n'iby'aho ibikorwa biherereye hagendewe ku bikenewe n'ibihugu n'abaturage b'aho ukorera. Ugendanye neza cyane n'iby'ingenzi bigize za politiki z'ibihugu zikubiyemo politiki y'ibidukikije mu Budage, politiki y'umuryango w'ubumwe bw'i Burayi ya 2030 yo kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, ndetse na za politiki zitandukanye zirebana n'iterambere ry'igihugu n'ibidukikije mu bihugu 10 bifatanyabikorwa muri uyu mushinga. Ubufatanye buhamye n'ubuyobozi ku nzego z'ibanze no ku rwego rw'igihugu ni wo musemburo ukomeye watumye umushinga utanga umusaruro mwiza ukurikije ubuhamya ku byakozwe muri Kambodiya, mu Rwanda no muri Filipine ahagaragaye imikoranire ndetse n'uruhare rw'ubuyobozi bwite bwa Leta. Mu bihugu bimwe na bimwe hashobora kugaragara icyuho mu kugena abafatanyabikorwa bakwiye b'umushinga ku byerekeye cyane cyane inzego z'abikorera n'ibigo bikora ibyerekeye ubumenyi n'ubushakashatsi.

Uyu mushinga uhangana n'ibibazo by'ibanze byerekeranye n'umuvuduko ukabije w'iyangirika ry'ibishanga, nubwo kuba watanga umusaruro wuzuye ku rwego mpuzamahanga byakomeje kuba ingorabahizi. icyakora, umushinga LLBCP utanga umusanzu ukomeye ku nzego z'abaturage no ku nzego z'ibihugu aho usanga hari urusobe rw'iyangirika ry'ibidukikije, ugucogora k'urusobe rw'ibinyabuzima, ndetse n'izahara ry'ubukungu. Izingiro ry'ingufu riri mu guhuza intego zo kubungabunga ibyo byose n'iterambere rirambye ry'imibereho ya rubanda, aho twavugaga n'ubukerarugendo bushingiye ku miterere kamere, ubuhinzi n'ubworozi bushoboye guhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kubaka ubushobozi bw'abakora ibikorwa bifite aho bihuriye n'abaturage.

Amatsinda aziguye n'ataziguye arebwa n'ibikorwa by'umushinga- nk'abacunga ibiyaga, abaturage n'inzego zishyira mu bikorwa umushinga - babona inyungu mu izamuka ry'ubushobozi rifite intego ihamye, ugusangira ubumenyi n'imitegurire idahaheza y'ibikorwa. Umushinga usubiza ibyifuzo ku bikenewe, kandi ukagaragaza uruhare rw'abatuye aho ukorerwa kandi rutanga umusaruro ndetse no gukemura amakimbirane yavuka. Byongeye kandi, umushinga LLBCP ushyigikira uruhare

rw'urubwiruko no kubaka ubunyamwuga binyuze mu mahugurwa yiswe Ishuri ryo gucunga neza ibiyaga (LLA) n'ubundi bwoko bw'amahugurwa.

Ku rwego mpuzamahanga, uyu mushinga ugendana neza n'amahame mpuzamahanga arimo amasezerano y' i Pari, Amasezerano y'i Ramsar ku micungire y'ibishanga (CBD). Uretse kuba umushinga LLBCP utanga umusanzu ku ntego zirambye z'iterambere (SDG0 zitari nke, ushobora kubona umusanzu wazo kuri izo ntego mu buryo bwimbitse mu bihugu bimwe na bimwe.

Gutegura, kugira umurongo unoze & no kuba usobanutse: Imitegurire, umurongo ndetse gusobanuka k'umushinga wa LLBCP byagaragaje ubudakemwa mu isuzumamikorere: umushinga ugaragaza kugira urufatiro ruhamye kandi rufite inkingi zizwi, imikoraniye y'inzego mu iteganyabikorwa, ingamba z'ubuhuzabikorwa buha buri rwego inshingano. Uretse n'ibyo kandi, umushinga utanga rugari kugira ngo habeho kugira ibinozwa byerekeranye n'ibipimo, kureba kure ndetse no kugira ubuhuzabikorwa ku bihugu bihuriye mu karere kamwe.

Mu iteganyabikorwa ry'umushinga, inzego zose ziwushyira mu bikorwa zagize ijamba. Imiterere yawo yashyiriyemo ahanini ku bufatanye bwari busanzwe buhari kandi ihuzwa n'ibikenewe n'uturere duherereyemo ibiyaga birebwa n'umushinga. Mu isuzuma hagaragajwe ko iteganyabikorwa ryagiye rihuzwa n'imiterere ya buri gihugu, gusa ntihabuze utuntu tudasobanutse hamwe na hamwe mu mikorere no mu magambo yakoreshejwe nka "Ucunga ikiyaga" ugereranije n'ahakoreshejwe "Urubwiruko rucunga ikiyaga".

Ku byerekeye ibikubiyemo, umushinga wakurikije imikorere ku buryo bwuzuye kandi ukubiyemo ibikorwa bikomatanije birimo ibyo ku rwego rwa buri gihugu, urwego rw'akarere ndetse n'urwego mpuzamahanga. icyakora, ingingo irebana n'ibikorwa by'ibanze byihutirwa n'uko abafatanyabikorwa bagiye babikora yagaragayemo ingorane mu kuyishyira mu ngiro. Uburyo buriho bwo kwigana uyu mushinga hirya no hino ngo harebwe ko umusaruro uzaba ari umwe bwagaragaje ko bugoye cyane kubushyira mu bikorwa kandi ntibugere ku gikenewe. Haramutse hifashishijwe uburyo bworoshye bwifashisha imishinga mike ariko ishyizwemo ingufu zirenzeho byakongera umusaruro kandi bigasaba ikiguzi gito kurutaho. Ishyirwaho ry'inzego mu turere dutandukanye ibihugu biherereyemo no gushyiraho urubuga mpuzamahanga rw'inzobere kugeza ubu ntibyatanze umusaruro wari witezwe.

Uruhererekane rw'umusaruro wari witezwe ku mushinga rurasobanutse, ariko mu mahugurwa ku ihame ry'impinduka hagaragaje ibyuhagati y'ibikorwa n'ibyabishowemo, by'umwihariko hagaragaye ko hatari harashyizweho intego nto zifasha mu kugera ku musaruro. Ibipimo ku byashowe mu mushinga n'ibyawuvuyemo ntabwo byari bikwiye neza dore ko bimwe muri ibyo bipimo bitari bisobanutse kinyamwuga (ngo bibe birasa ku ntego, bishobora gupimwa, bishobora kugerwaho, bishyize mu gaciro, bifite igihe byagenewe). Ibi byakuruye ingorane mu kubara neza ibyo umushinga uagenda ugeraho cyane cyane ku rwego rw'igihugu. Hakomeje kuba urujijo mu isano hagati y'ibikorwa by'amahugurwa n'ubumenyi bwayatangiyemo ndetse n'imikoreshereze y'ubwo bumenyi.

Igihe umushinga wagenewe muri rusange kigaragara ko kidahagije kugira ube wageze ku ntego zawo mu ibihugu ukoreramo. Mu gihe bimwe mu bihugu (urugero ni nk'u Rwanda) bigeze ku rwego rwo gukora ihererekanyabubasha ry'umushinga, ahandi haracyagaragara ubukererwe. Muri Kambodiya no muri Filipine, ibice by'ingenzi by'umushinga bishobora kuzagerwaho bitinze cyane ku buryo bitagera ku rwego rwo kwigana iyo mishinga ahandi ndetse n'urwo guhererekanya ubumenyi.

Gutanga umurongo w'imikorere biyoborwa n'umuryango GNF, ufatanyije na LCF na FGN. Raporo zihoraho, inyandiko zifashishwa mi ikurikiranabikorwa ndetse no gutegura inama ziba kabiri buri kwezi z'ubuyobozi by'umushinga ni byo bigize inkingi z'ubuhuzabikorwa. Umuryango GNF utunganya inshingano yawo nk'umuhuzabikorwa ndetse n'ishinzwe guharanira ireme, kandi inzego zishyira mu bikorwa umushinga zishobora kuwugeraho byoroshye. icyakora, gutanga umurongo bishingira mu kugaragaza ibikorwa n'inzira bikorwamo, hakaba hatagaragara neza ibimenyetso by'umurongo urambye n'isangizanya ry'ubumenyi hagati y'ibihugu biteye imbere n'ibikiri mu nzira.

Ku rwego rw'igihugu, inzego zitanga umurongo ku mikorere y'umushinga zirakora muri rusange. Inyinshi mu nzego ziwushyira mu bikorwa zigaragaza korohereza mu mikorere kandi akenshi zikubakira ku buryo bw'imikoranire busanzweho zikarushaho kubuha ingufu binyuze mu kugirana amasezerano y'imikoranire yanditse ashyizweho imikono. Muri Kambodiya, u Rwanda na Filipine, hagaragaye inzego zubakitse zikorana n'ibigo bya Leta, imiryango itari iya Leta ndetse n'izindi nzego zo hasi zishyira mu bikorwa umushinga. Ku rwego mpuzamahanga, imiryango GNF, LCF na FGN ni yo ikora nk'urubuga rw'ihuriro ku bintu byose bireba imitegekere n'imikorere. Hatangiye kubaho imikoranire hagati y'imiryango iri ku rwego rumwe mu nzego zishyira mu bikorwa umushinga kandi iyo mikorere yashobora kongerera ingufu.

Nta gushidikanya habayeho guhuza imbagara z'umushinga n'indi haba ku rwego nzego z'ibihugu no ku rwego mpuzamahanga. Mu bihugu bimwe na bimwe habayeho kuwuhuzwa n'izindi ngamba cyangwa indi mishinga ihari ku bushake kugira ngo iryo huzwa ribyazwe umusaruro—urugero ni nka Malawi, Ubuhindi na Kambodiya. Ihuzwa ry'umushinga na gahunda iriho ya LLN ryakozwe ku buryo bugambiriwe n'ubwo itandukaniro hagati ya LLN n'umushinga LLBCP rimwe na rimwe ritagaragara. Ibi ariko kandi byanazanye inyungu nko gukwirakwiza ubumenyi ku rwego rwagutse, kumenyekanisha umushinga kurutaho ndetse no kugira uburyo bw'imikorere butanga umusaruro.

Imikorere inoze: Ihame ry'impinduka ry'umushinga LLBCP rikomeza kugira agaciro kandi ritanga umurongo wumvikana, ufite intego uagenda uhuza urusobe rw'ibikorwa n'umusaruro mwiza mu micungire irambye y'ibishanga. icyakora, iryo hame ry'impinduka rigenda ryirengagiza ibindi bintu birimo hagati nk'uruhare rw'imisanzu y'abaturage, inkunga mu bijyanye n'imibereho ndetse n'inzira zo guhererekanya ubutumwa—kandi ibi ni igenzi cyane mu gusobanukirwa aho ibikorwa by'abaturage bihurira n'intego ngari z'umushinga.

Ingorane ku rwego rw'igihugu (urugero: ikibazo cy'imicungire y'imyanda muri Kambodiya, ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe muri Filipine) bishobora kugira ingaruka ku musaruro utangwa n'umushinga kandi bigahinyuza uruhererekane rwari rwitezwe mu kureba buri kintu n'impamvu zigitera. Ku rundi ruhane inyigo yakozwe ku Rwanda igaragaza ihuzwa rikomeye ry'ibungabunga ry'ibudukikije n'iterambere nubwo bimwe mu bikorwa (nk'amahugurwa y'urubyiruko) byabuze gikurikirana kugira ngo bitange umusaruro.

Ibyavuye mu isuzuma by'igihe gito bigaragaza iterambere rivanze. Mu gihe amasomo yiswe LLA yateguwe kugira ngo afashe urubyiruko rucunga ibiyaga kuzamura ubumenyi bwabo, ibindi bice by'ingenzi nk'urubuga mpuzamahanga rwo gusangira amakuru n'ubumenyi byarakorerewe. Gusa nanone, inzego zishyira mu bikorwa umushinga zakoze ibyinshi mu bikorwa kandi hari inyungu zabonetse kare zerekeranye n'imicungire y'imiterere kamere ndetse n'imibereho y'abaturage (urugero ni nk'umusaruro w'amafi wiyongereye muri Kambodiya, ukwiyongera kw'isuku y'amazi y'ibiyaga muri Filipine ndetse no kurwanya isuri mu Rwanda).

Ku byereye inkingi ya 1 n'ya 4 umusaruro uragaragaza ko uzagerwaho, nyamara izindi nkingi ziracyasigara inyuma. Ibindi bitagenze neza byatewe n'ibipimo byasigaye inyuma cyangwa bitari bisobanutse neza, cyane cyane mu nkingi ya III (Urubuga rw'abahoze mu mushinga) n'ya V (iherekanya ry'ubumenyi). Nyamara, ubushakashatsi bwakozwe ku bagenerwabikorwa nka kimwe mi bikorwa byari bigize isuzumamikorere, bwagaragaje neza ibyagezweho kandi bunahamya ko amahugurwa yazamuye ubushobozi ku kigero cya 89% kandi akanaganisha ku gusangira ubumenyi mu baturage. Nanone ubuhamya bwegeranyijwe bugaragaza ibimenyetso by'inyungu umushinga wazanye zihuriwemo n'ibidukikije, imibereho myiza no mu bukungu.

Ku bijyanye n'umusaruro, nta gushidikanya ko utagezweho mu bihugu umushinga wakoreyemo, hanze yabyo ho nta wabihamya. Ibipimo by'umusaruro bigaragaza iterambere ritaringaniye —Igipimo O1 (kuba umushinga warakiriwe na Leta) gishobora kuba cyaragezweho, ariko igipimo O2 (kuba urubyiruko rucunga ibiyaga rushyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga) na O3 (gushyirwa mu bikorwa imiryango icunga ibiyaga) byo biragoye bitewe n'uko bitari byarasobanuwe neza ndetse n'uburyo bwo kubyemeza bukaba bwari bugoye.

Ibikorwa n'ibyagezweho bitanga umusanzu wumvikana mu kugera ku musaruro wari witezwe. Guhuza ingamba zo kubungabunga ibidukikije n'iz'iterambere, guha umwanya ufatika abatuye aho umushinga ukorerwa ndetse n'imikoranire n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze byubaka inzira yizewe. Nyamara, bimwe mu bice (nk'amakuru yegeyeranyijwe na rubanda, kuzamura ubushobozi bw'uruburukiro) ntibirabyazwa umusaruro uko bikwiriye. Inzego zishyira mu bikorwa umushinga muri rusange zihagaciro inzego zashyizweho ku rwego mpuzamahanga zo kunguka ubumenyi no kumenyekanisha ibikorwa, binyuze mu nzira z'ubuyobozi (urugero ni nko gutanga raporo) bigabanya ubushobozi bw'inzego z'umushinga bwo gukora neza.

Impinduka zifatika & gusigasira ibyagezweho: Umushinga LLBCP wamaze gutanga ibisubizo bibarika ku bijyanye n'imiterere kamere ndetse n'urusobe rw'ibinyabuzima mu bihugu bifatanyabikorwa byawo, nko kwiyongera k'umusaruro w'amafi muri Kambodiya, ukugabanyuka kw'isuri mu Rwanda n'ukwiyongera kw'isuku y'amazi mu biyaga muri Filipine. N'ahandi hariye hagaragara umusaruro nk'uwo ndetse hari n'aho byarenze ibyari byitezwe. Nubwo hakigaragara ingorane zo hanze y'umushinga ziwubangamira ku kuba wagera ku ntego mu buryo burambye, kuba abagenerwabikorwa bazirikana ko imibereho yabo yazamutse byongera amahirwe y'uko ibyavuyemo byasigasirwa.

Imishinga kandi izana inyungu zerekeranye n'imibereho n'ubukungu. Ingero zatangwa ni nk'ubuhinzi butanga umusaruro mwinshi urambye muri Kolombiya na Megizike, kugabanyuka kw'ikiguzi cy'inyongeramusaruro muri Malawi ndetse n'amatara akoreshwa n'ingufu zituruka ku mirasire y'izuba muri Siri Lanka. Mu Rwanda no muri Filipine, ibikorwa by'umushinga byazamuye imirire myiza, byagabanyije amakimbarane kandi byongera ubusabane mu baturage binyuze mu nzego zagiye zishyirwaho zihuza abaturage. Kuba hari ibyiza byazanywe n'umushinga bitari bigambiriwe, nko gufata ubutaka ngo budatwarwa n'inkangu ndetse n'amahirwe y'ubukerarugendo bushingiye ku miterere kamere na byo birushaho gushimangira ako gaciro umushinga wongereye ku buzima. Nta ngaruka mbi nini zagagaraye nubwo hatabuze ingorane zabayeho (urugero ni nk'ibijyanye no kwishyura inguzanyo z'ibigo by'imari iciriritse).

Impinduka zimazeyo ziragaragara haba ku rwego rw'abaturage ndetse no ku rwego rw'ibihugu. Umushinga wakoranye kandi unashyiraho inzego zituma habaho impinduka zitagira igice zisiga inyuma, zishyigikiwe na gahunda zidaheza, kuba inzego z'ubuyobozi bwa Leta zibona mu bikorwa, kuba hariho gahunda ngenderwaho zo kongera ubushobozi ndetse n'imicungire y'ibishanga igendeye ku guhunga udushya. Urugero, nko muri Filipine, igikorwa cyakozwe ku itegeko rigenga ibishanga rurushaho kugaragaza ko bishoboka kugira imbinduka zirambye mu miterere y'inzego. icyakora, n'ubwo uri mu murongo umwe n'amahame mpuzamahanga nk'amasezerano y'i Pari ndetse n'amasezerano ya CBD, ukwaguka kw'ibikorwa by'umushinga LLBCP kugarukira ku kuzana impinduka ku rwego mpuzamahanga.

Kuba uyu mushinga ufashe impu nyinshi bituma habaho impinduka aho ibikorwa biva ku kuba iby'igihe gito bikazana umusaruro ukomatanyije uhuza ukuzahura ibinyabuzima n'uburezi n'ugusangira ubumenyi, impinduka mu miyoborere ndetse n'ingamba zo kuzamura urwego rw'imali. Ingero zatangwa ni nk'inguzanyo ziciriritse, ugusaranganya umutungo ukomoka ku bukerarugendo bushingiye ku miterere kamere, ndetse n'ishyirwaho ry'amabwiriza ku nzego zo hasi. Kugira ngo ibyo byagezweho n'umushinga birambe igihe umushinga uzaba utagihari bizaterwa n'uko byakomeza gushyigikirwa n'imbaraga zivuye ahandi kuko inzego nyinshi zidafite amikoro yatuma zikomeza kubisigasira zonyine.

Kubungabunga imibereho n'ibidukikije: Umushinga LLBCP washyizwe mu cyiciro cyiswe C muri gahunda yo kubungabunga imibereho n'ibidukikije ya IKI, ahagaragaye ko ingorane ziri hasi. icyakora, isuzumamikorere nta kimenyetso ryabonye ryatuma habaho imbonerahamwe yo kugaragaza ingorane ku rwego rwa buri gihugu, bityo bikaba bigaragara ko ntazapfa kubaho ukurikije imiterere y'imibereho y'abantu n'imiterere kamere y'iyi gahunda isanzwe n'urusobe. Ikindi kandi, abagenerwabikorwa bari bafite ubumenyi buke cyane ku bijyanye n'uburyo bwashyizweho bwa IKI bwo kumenyekanisha ibitangenda neza kandi ntihari hariho ubundi buryo bwo kuba banyuramo ngo bagaragaze ibitagenda

neza. Birumvikana ko uburyo bwo kuri murandasi bwonyine butatanga umusaruro ufatika; ahubwo hari hakenewe uburyo bw'iherekanyamakuru bujyanye n'imiterere y'aho umushinga ukorera kugira ngo gahunda yo kubungabungwa ibe yajya mu ngiro ku buryo bufatika.

Ntibyari gushoboka kugenzura ishira mu byiciro ry'ingorane umushinga wahura na zo bitewe n'uko nta nyandiko zibigena zari zihari. Gusa ariko isuzumamikorere ryagaragaje ko hari zimwe mu ngorane zagomba kuba zaritaweho mu itegurwa ry'inyandiko y'umushinga binyuze mu mahame ya IFC, by'umwihariko zijyanye n'ubuzima bw'abaturage, ituze n'umutekano bya rubanda (PS4) n'impinduka mu mikoreshereze y'ubutaka byashobora kugira ingaruka ku bagenerwabikorwa (PS5).

Nta ngaruka mbi zifatika zagaragaye ko zagera ku baturage cyangwa ku bidukikije, ariko hari ingorane zimwe na zimwe zagiye zivuka. Muri Kambodiya, ibikorwa by'amarondo ku bufatanye na polisi byagiye bishyira bamwe mu baturage mu kaga mu gihe ayo marondo yajyaga guhangana n'abaroba mu buryo bunyuranyije n'amategeko, umusaruro w'amafi wariyongereye maze habaho iyimuka ry'abaturage baza bawukurikiye, ibyo bigateza ikibazo cy'isaranganya ry'umutungo kamere mukeya aho bimukiye. Muri Filipine, ibitekerezo bishyushya imitwe ku byerekeye ubutaka byariyongereye ahagereye ibishanga bya Paligui biteza ingorane nubwo abagenerwabikorwa bakomeje kugira ingingimira mu kugurisha ubutaka bwabo. Mu Rwanda, intugunda zavutse ku bijyanye no guca amaterase mu butaka ziba ikibazo, nubwo byaje gukemuka muri rusange binyuze mu kujya inama no gukora ubugenzuzi. Mu gihe urwego rushyira mu bikorwa uyu mushinga mu Rwanda n'indi miryango iwushyira mu bikorwa yubahiriza amahame akurikizwa mu gihugu, iyo migenzereze ntabwo yashyizwe muri gahunda izwi yo guhangana n'ingorane igendana n'amahame ya IKI.

Ibibazo byo kunguka ubumenyi: Mu mushinga LLBCP byaragaragaye ko abantu basobanukiwe cyane ihame ry'uburinganire no guha ijamba uruburuko nubwo ishira mu bikorwa ryabyo rigenda ritandukana bitewe na buri gihugu. Mu Rwanda, ihame ry'uburinganire rifatwa nk'ingingo ndakumirwa, aho usanga rigaragara mu bikorwa bikorwa inzego zihurirwamo n'abaturage bigatuma abagore bubakirwa ubushobozi, bagira ukwishyira ukizana mu byerekeye imali ndetse bakajya mu myanya y'ubuyobozi. Muri Kambodiya, abagore batanga umusanzu munini mu bikorwa by'umushinga ariko bagakomeza kuba bake cyane mu nzego zifata ibyemezo ndetse ugasanga baba banacecetse mu nama. Muri Filipine, abagore bitabira amahugurwa ku kigero cyo hejuru mu kubaka ubushobozi ndetse no mu buyobozi mu nzego z'abafatanyabikorwa b'umushinga.

Guha umwanya n'ijamba uruburuko akenshi bitezwa imbere binyuze, muri masomo ya LLA, mu mahugurwa kuri ejo hazaza hizewe no muri gahunda zo kwimenyereza umwuga, ari zo ziha uruburuko ubumenyi ndetse n'impamyabumenyi mu byerekeye imicungire y'ibiyaga. Mu gihe abagera kuri 35 bitabiriye amasomo ya LLA kugeza ubu, guha imyanya abimenyereza umwuga ngo bakore biracyari ingorabahizi, kandi abacunga ibiyaga bakiri bato baba bahamagara bashaka ubufasha (urugero: mu Rwanda). Hanze y'izo nzego, uruhare rw'uruburuko ntirungana, uretse gusa inzego nke zishyira mu bikorwa uyu mushinga ni zo zigaragaza ibyakozwe mu bikorwa bigari. Hari ingero nziza zigaragara nk'ibikorwa bishingiye ku ruburuko muri Megizike no muri Sirilanka.

Inama zitangwa

Inama zireba aho umushinga ukorera hose:

- Kuvugurura ibipimo n'ikurikiranamikorere: aho bishoboka hose, ndetse ibipimo bikarushaho gushyirwa ku kigero cyo gusobanuka kurutaho bikagaragaza "Inkingi irimo hagati" mu ihame ry'impinduka rivuguruye kugira ngo bibe byerekana neza ibyitezwe kugerwaho mu bihugu umushinga ukorerwamo.
- Kuvugurura ihame ry'impinduka hakongerwamo intambwe ziburamo cyane cyane izirebana n'uruhare rw'abatuye aho umushinga ukorera mu kugera ku musaruro ndetse n'umusanzu utangwa n'ibikorwa byo kuzamura imibereho mu nkingi yo hagati.

- Guha ingufu inzego z'imikoranire aho bigaragara ko izo nzego zafasha mu kuzamura ihererekanywa ry'ubumenyi. Gutekereza gushyiraho amatsinda y'imikoranire ashingiye ku ngingo runaka igihe urwego rushyira mu bikorwa umushinga rwaba ari byo ruhitemo.
- Guharanira ko haba imikoranire hagati y'inzego zitandukanye zishyira mu bikorwa uyu mushinga aho ayo matsinda y'imikoranire afite intege nke binyuze mu kureba impamvu (hifashishijwe isesengura ry'imikoranire nk'intangiriro) ndetse no ku kuganira ku kamaro k'iyi mikoranire iriho n'inzego bireba z'abafatanyabikorwa. **Inzego zose zishyira mu bikorwa umushinga zakagombye:**
 - Kongera gusuzuma urutonde rw'abafatanyabikorwa ku rwego rw'igihugu mu rwego rwo kureba niba inzego zikora ibijyanye n'uburezi ndetse n'iz'abikorera (hagaragaye icyuho mu kwegera inzego zizashyira mu bikorwa umushinga) zahawa umwanya uko bikwiriyeye;
 - Kugena no kumvikana ku bikorwa kugira ngo urubyiruko rucunga ibiyaga rubone inzira yo gutanga umusanzu mu kugera ku musaruro ukenewe, urugero hatangwa ikurikiranamikorere ry'igihe kirambye. Iyi nama ikeneye gushyirwa mu bikorwa na buri rwego mu zishyira mu bikorwa uyu mushinga hifashishijwe inyunganizi y'umwe muri ya miryango igize itsinda, urugero ni nko kuyobora igikorwa cyo kwegeranya ibitekerezo cyangwa amahugurwa.

Inama zakwibanda ku bihugu bikorerwamo isuzumamikorere:

- Kuri Kambodiya: (1) Gushimangira guha umwanya abagore mu bijyanye n'ifatwa ry'ibyemezo ku nzego zo hasi ndetse no (2) gutegura iteganyabikorwa ku rwego rw'umushinga hagamijwe guhangana n'ingorane zituruka hanze kugira ngo haboneke umusaruro mwiza.
- Kuri Filipine: (1) Kurushaho kubaka imikoranire n'inzego z'ibanze z'ubuyobozi mu duce runaka umushinga ukoreramo ndetse no (2) gushimangira ikurikiranamikorere rishingiye ku bumenyi no gusuzuma umusaruro uturuka mu gusigarira ibidukikije.
- Ku Rwanda: (1) Gutegura gahunda ituma urubyiruko rugira uruhare mu bikorwa binyuze mu kubyitabira no kubyiyumvamo ndetse (2) kushyiraho itsinda ry'abaturage rizakomeza kwita kuri peniniyeri y'ibiti igihe umushinga utazaba ugiterwa inkunga.